Mu by'ukuri Allah yishimira umugaragu wafata icyo kurya akabishimira Allah, cyangwa se agafata icyo kunywa akabimushimira

Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah yishimira umugaragu wafata icyo kurya akabishimira Allah, cyangwa se agafata icyo kunywa akabimushimira."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko umugaragu gushimira Nyagasani we ku byiza yamukoreye n'inema yamuhundagajeho biri mu bintu bituma yishimirwa na Allah; yarya akavuga ati: Ishimwe ni irya Allah, ndetse akanywa ibyo kunywa akavuga ati: Ishimwe ni irya Allah.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5798